**ISENGESHO RY'IKORANIRO RY'UKARISTIYA**

Mana Mubyeyi wacu udukunda
Mu kwigira umuntu k'Umwana wawe
Watweretse urukundo nyampuhwe ruhebuje
Maze muri Roho Mutagatifu twahawe
Imitima yacu uyigira ingoro yawe.

Mu rupfu n'izuka bya Kristu
Twagizwe abavandimwe by'ukuri
Ukaristiya itubera ifunguro rizima
Duhabwa kandi dushengerera twiyoroheje
Ikatubera impamba y'abaza bagana iwawe.

Nikomeze itubere isoko y'ubuzima
Idukure mu mwijima w'icyaha n'icyago
Itwuzuzemo urukundo, impuhwe n'ubuvandimwe
Dushimishwe iteka no kuba abawe
Ku bwa Yezu Kristu Umwami wacu.
**Amen.**

+Visenti HAROLIMANA,
Umwepiskopi wa RUHENGERI
akaba na Perezida wa Komite y'Igihugu
ishinzwe amakoraniro y'Ukaristiya